IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUNJYI WA KIGALI YATERANYE KU WA 04 WERURWE 2020

1. IRIBURIRO

Ku wa Gatatu tariki ya 04 Werurwe 2020, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Umujyi wa Kigali guhera saa cyenda zuzuye za nimugoroba (15h00), iyoborwa n'Umuyobozi wayo wungirije, Umujyanama Dr KAYIHURA Muganga Didas.

1.1 Abajyanama bitabiriye inama:

Umujyanama BAGUMA Rose
Umujyanama Dr KAYIHURA Muganga Didas
Umujyanama Dr NSABIMANA Ernest
Umujyanama MUHUTU Gilbert
Umujyanama MUSENGIMANA Gentille
Umujyanama MUTSINZI Antoine
Umujyanama RUBINGISA Pudence
Umujyanama RUGEMANSHURO Regis
Umujyanama UMUTONI Gatsinzi Nadine

1.2 Umujyanama utaritabiriye inama afite impamvu yumvikana

Umujyanama RUTERA Rose

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo imwe yo gusuzuma no kwemeza umushinga w'ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali ivuguye y'umwaka wa 2019-2020.

2. GUSUZUMA INGINGO YARI KU MURONGO W'IBYIGWA: UMUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI Y'UMUJYI WA KIGALI IVUGURUYE Y'UMWAKA WA 2019/2020

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali imaze kugezwaho, na Komisiyo y'Ubukungu, Imibereho y'Abaturage n'Imiyoborere Myiza y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, raporo ku isesengura yakoze ku mushinga w'ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali ivuguruye y'umwaka wa 2019/2020, yafashe imyanzuro ikurikira:

39/04.03.2020: Ishingiye ku itegeko N° 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali, mu ngingo yaryo ya 47 ivuga ko Abayobozi b'inzego z'imitegekere z'Umujyi wa Kigali bakomeza kuzuza inshingano zabo ziteganywa n'iryo tegeko kugeza igihe abayobozi b'Uturere tw'Umujyi wa Kigali bateganywa n'iri tegeko bagiriyeho n'ingingo yaryo ya 50.ivuga ko agaciro k'ibyakozwe n'Uturere tw'Umujyi wa Kigali hashingiwe ku itegeko n° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage no ku yandi mategeko yihariye bigumana agaciro kabyo,, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ihinduye ibyemezo by'Inama Njyanama z'Uturere tw'Umujyi wa Kigali byemeza ingengo y'imari yatwo y'umwaka wa 2019-2020 mu buryo bukurikira:

Nimero y'icyemezo n'igihe	**Akarere**	**Ingengo y'imari n'Akarere y'umwaka wa 2019-2020 yemejwe (RWF)**	**Ingengo y'imari y'Uturere ivuguruye ya 2019-2020 yemejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**
N° 23.30.370 cyo ku wa 27/06/2019	Gasabo	26,101,679,562	8,988,954,439
N° 068/06/18/18- 19 cyo ku wa 28/06/2019	Kicukiro	18,709,966,665	7,640,923,185
N° 577 cyo ku wa 30/06/2019	Nyarugenge	22,908,043,811	7,863,288,251

Byemejwe n'Abajyanama 9

40/04.03.2020 Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali ivuguruye y'umwaka wa 2019-2020 ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyari ijana, miliyoni mirongo itanu, ibihumbi magana atatu mirongo ine n'abitandatu n'ijana na mirongo itanu ra rimwe (Frw 100,050,346,151).

Byemejwe n'Abajyanama 9

Inama Njyanama yasoje imirimo yayo saa kumi n'imwe z'umugoroba (17 h00).

Bikorewe i Kigali, ku wa 04/03/2020

Umwanditsi w'Inama:

BAGUMA Rose

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Umuyobozi w'Inama:

Dr KAYIHURA MUGANGA Didas

Umuyobozi wungirije w'Inama

Njyanama y'Umujyi wa Kigali